Ministère de la jeunesse
et des sports

Rapport
le 13/5/1980

10 — 13p

/NK.B./N.B./

Synthèse y'inyandiko-nvugo y'inama y'Abayobozi b'Urubyiliko mu ma Komini ya KIGALI.-

Inama yajemo abantu 18 kuli 21 iyoborwa n'Umuyobozi wakarere ka KIGALI hatangwamo na conférences 2 imwe yerekeye Umuryango wa J.O.C. indi yerekeye imikino, ndaga-muco mu Rwanda. Berekanye kandi abakozi bashya alibo Nyirarburetwa Théophila wungilije umuyobozi wa karere ka KIGALI na BIGIREBATE J.C. wa commune Nyarugenge .

Ibindi bibazo byizwe:

1) KUGULISHA Umusaruro w'Amashyirahamwe ahinga.

Abatuye hafi ya KIGALI bazajya babizana muli Fajecoop, iduka lili kuli Ministère y'urubyiruko n'Imikino abali kure nabo ikibazo cyabo kigiye gutungana kuko hagiye kuboneka imodoka y'infashanyo izajya iza gutwara imisaruro y'urubyirulo muli za komini ikayizana muli Fajecoop iKIGALI.

Ibyo kandi bakazabifashwamo n'impuguke ya Suco yaje kuzamura icuruzwa ly'imyaka y'urubyiruko.

2) Programme y'AKAZI.

Buli muyobozi w'urubyiruko muli komi agomba kohereza programme ye yabuli kwezi kugirango bamenye igihe bashobora ku musura naho bamusanga.

3) Divers.
- Kohereza raporo ku igihe
- Gutanga programme ya tournée mu makomini y'umuyobozi w'akarere mu mezi ali mbere
- Gusaba congé · abayobozi b'urubyiruko muli komini iyo batse congé bagomba kubimenyesha umuyobozi wa karere kandi bakayaka bamaze gutunganya akazi kabo neza.
- Ibyerekeye imishahare y'abayobozi b'urubyiruko ba komini bafoze muli Fonction Publique bahembwa make ugereranyije nabali ba sous-canrat icyokibazo kizashyikilizwe Préfet.
- Naho ibyerekeye abakozi ba Ministère y'Urubyiruko n'Imikino baza gusura za komini, inama yemeje ko bagomba kubanza kubibamenyesha mbere kugirango bashobore kubababahali.
- Inama yashoje imilimo yayo yemeza ko mu nama itaha conférence izatangwa na Agronome de Préfecture.

..../....

<u>AVIS</u>

1) Umuyobozi w'Urubyiruko wa karere ka KIGALI afite imigambi myiza yo gusura amashyirahamwe y'Urubyiruko nabandi bose nkuko babonye amapikipiki bakwiye kubigenza gutyo ni bura limwe mu mezi 3.

2) Ibyerekeye gucuruza umusaruro w'Urubyiruko byali bikwiye kwitabwaho cyane kuko ali kimwe mu bidindiza amashyirahamwe y'abasore n'inkumi .
Niyo uwo Muzungu atabikora : Ministeri yali ikwiye kwiga ubulyo yabikora. Hababo nka commission igizwe n'abakozi ba ministeri n'abahagaraliye amashyirahamwe agaragara. ~~Noneho~~ bakabanza kubigerageza muli komini zimwe na zimwe kugirango bige neza ingorane zabyo. Noneho byatungana bakazabikwiza muli za Préfecture zose.

*Bonne idée*

KIGALI, le 20/3/1980.

NKUYUBWATSI Bernard

*[signature]*

<u>Avis de la Division Encadrement</u>

- Ikibazo cyo kugulisha umusaruro w'Urubyiruko giteye inkeke. Kuva aho Urubyiruko rwatangiye kukitangezaho twali dukwiye rwose kukitaho. Twagombye gushyigikira FAJECOP, tukayiha équipement ikagije (ali mu bakozi, ali mu bikoresho, ali no mu mafaranga). Byatungana, tugashinga za-succursales mu ma-Prefegitura yandi.
- Ibyerekeye imodoka yo kujya kuzana umusaruro w'Urubyiruko, Monsieur LYMBURNER wali muli FAJECOP niwe wabivuze; none yagiye iyo modoka atarayibona. Ahasigaye ndagutegereza undi mu-coopérant SUCO izaduha, yenda yakomeza démarches mwene wabo yali yatangiye. Keretse Ministeri ibyigiliyemo nkuko nabyifuzaga mu nomero ya mbere navuze hano haruguru.

*[signature]*

27.5.1980.-

IQUE RWA...
...TURE KIGALI
...ICE DE LA JEUNESSE ...
DES SPORTS.

Nº 15/14.04/09.

Synthèse et avis. 17/3/80

NKUYUBWATSI 17/3/80

Encadrement
17° rapport
quel D6 ...
ibibazo ...
14.3.80

12/3/80
2056/Ac 04

Bwana Encadreur w'Urubyiruko n'Imikino
muli Komini ................ ( Bose )
KIGALI.

Bwana Encadreur,

Hamwe n'uru rwandiko, mkoherereje Inyandiko-mvugo y'inama duherutse kugirana kuwa 26 Ukuboza 1979.

Nizeye ko ibyo twashoboye kuyisuzumiramo n'ibiganiro twayiherewemo bili kumwe n'iyi P.V. bizarushaho kutugilira akamaro mu kazi dushinzwe.

Jeunesse votre attention 13/3

Encadreur w'Urubyiruko muli
Prefegitura KIGALI.

SENKWARE Célestin.

REPUBLIQUE ... ENCADREMENT REGIONAL ... MINISTERE DE LA JEUNESSE

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino - KIGALI.-
- Bwana Prefe wa Prefegitura KIGALI.
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura BUMBOGO
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura BUGESERA.
- Bwana Bourgmestre wa Komini ............... ( Bose )
- Bwana Encadreur S/Régional BUMBOGO.

kenshi, J.O.C. isabye imfashanyo, Ministeri yayitanga nk'uko ifasha andi mashyirahamwe y'urubyiruko iyo ali ngombwa.

## IV IKIGANIRO KEREKEYE IMIKINO NDANGA-MUCO MU RWANDA CYATANZWE NA BIKINDI

Muli make : Iyo mikino ni iyi : Abakaraza, Intore, Ikondera, Abacuranzi abavuga amahigi, amahamba, abakobwa n'abagore etc....
Iyo mikino ndanga-muco nyarwanda ni imwe muyo abanyamahanga bakunda cyane. Kuyitaho lero ni ngombwa kuko imenyekanisha, ihesha u Rwanda agaciro gakomeye mu rubuga rw'amahanga. Kuyitoza urubyiruko, amategeko yayo akandikwa ni ibyihutirwa kugirango uwo muco wacu usugire, tuzaba ibiburabulyo bapfushije ubusa umurage gakondo.

Ikiganiro cyashimishije abacyumvaga, dore ko uroye hafi ya bose ntawaruzi amabanga n'amategeko y'ubwo bukungu bwacu. Ibibazo byinshi umuntu yali yarabuliye umuti birasobanurwa.

Ikibazo : Dukulikije ko mu milimo dushinzwe ku kazi, no kuba tuli abanyarwanda, Ministeri ikwiliye kuduha uburenganzira bwo kuhya kureba uko Ballet National ikina bityo tukamenyeraho ukuntu twatunganya amakipi yacu muli Komini (groupe folklorique).

- Uwatanze icyo kiganiro kuko akora muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yababwiye ati : Icyo kibazo nzagishyikiliza ababishinzwe muli Ministeri. Mbese n'igihe Ballet National yaje nko gukina babatumire muze kuyireba mwongere ubumenyi muyifiteho.

Ikibazo : Komini zose ntizifite abanyamyuga bakora ibintu byose bikenerwa Uwashaka nk'ibikoresho byo muli iyo mikino ndanga-muco yashakashakiliza he imwe n'imwe ?

- Igisubizo : Ministeri y'Urubyiruko ifite aho ikoreshereza ibyo bikoresho Uwashaka yasaba Ministeri ikamukoreshereza ibyo akeneye cyangwa nawe akikoreshereza.

1. Abakaraza : Ingoma - Ouvroir yo ku Nyundo
Imyenda - SOCORWA

2. Intore : Amayugi - Nyabisindu
Inkindi z'uruhu zarabuze
Inkindi z'ubuhivu - Ouvroir yo ku Nyundo
- I.N.R.S.

./...

Ibihagatiro - Ouvroir yo ku Nyundo
Imigara - I.N.R.S.
Inkomo - Ouvroir yo ku Nyundo

3. Ikondera : Imyenda isanzwe
Amakondera abakinnyi bazi kuyakora
Ingaraba : Ikorwa mu ruhu rw'ihene
4. Abakobwa n'abagore : Imyenda izaboneka mu masoko

IBIBAZO :

Ikibazo : Iyo habaye imyitozo ya Ballet Communal muli za Komini zimwe, usanga iyo irangiye za Komini zimwe zitakira abakinnyi ngo zibicire akanyota, bityo twazongera kubahamagara mu myitozo ntibaze ngo kuko batakirwa.

(R) : Umuyobozi w'inama yabasubije muli aya magambo : Si ngombwa niba baje muli entraînements ko bakirwa kuko Komini itabona amafranga. Muzabibasobanulire ntakundi byagenda. Komini ishobora kubakira nk'igihe Bourgmestre yabatumyeho ngo arebe aho bageje iyo mikino nka limwe mu mezi atatu cyangwa 6. Ashobora no kubakira igihe habaye iminsi mikuru.

(Q) : Batumira bate Orchestre ?

(R) : Ushaka gutumira orchestre yindi itali Impala ayitumira uko bisanzwe Aliko byaba byiza kubimenyesha Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino. Naho iyo ali Impala ni ukwandikira Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ikaba aliyo ibijyamo.

(Q) : Ababoha imigara bafite amategeko bakulikiza, cyangwa babikora uko bashatse, babona byalyohera ijisho.
- Icyo kibazo cyabajijwe bitewe n'uko hali intore zimwe zifite imigara itukura, icyatsi n'umuhondo.

(R) : Umugara ukorwa m'umugwegwe gusa kandi ugomba kugira ibara limwe. Ibindi ni ugukosa. Uwatanze iki kiganiro yasezeranije ba Encadreurs ko muli P.V. y'inama bazabonamo ukuntu za orchestres zilihwa na pourcentage batanga.

V. KUGURISHA UMUSARURO W'AMASHYIRAHAMWE AHINGA.

Urubyiruko rwegereye Umujyi wa Kigali rufite amahirwe kuko iruhande rwa Ministeri hali iduka ly'urubyiruko ryitwa FAJECOOP likaba licuruza ibyo

./...

urubyiruko rwejeje muli za Komini. Umuyobozi w'inama yamenyesheje ba Encadreurs ko noneho n'abandi bategereye umujyi bagiye kugira izo mana zo kugulisha umusaruro wabo bitabavunnye cyane. Ati hali umuzungu witwa REAL akaba yaraje mu mushinga wo guteza imbere iryo duka ry'urubyiruko. Muli iyi minsi rero tuzaza kubasura muli komini zanyu tuje kubasobanulira ibyerekeye iryo soko amashyirahamwe yanyu azajya agulishilizamo ibyo yejeje Mugende mubarure amashyirahamwe ashobotse afite ibikorwa bigaragara mumenyesha ayo aliyo kugirango muli tournée tuzakora tuzayasure. Iminsi tuzajya tuziraho n'uwo muzungu ni kuwambere no kuwa kane kuko alibwo ba Bourgmestres baba bahali. Programmu z'iyo tournée muzayimenyeshwa na ba Bourgmestres banyu. Ibyerekeye gutunda umusaruro uza hano i Kigali ntibigoye kuko uwo muzungu azaba afite imodoka. Kugirango iyo modoka itazajya yilirwa izenguruka muli Komini, hazashyirwaho ahantu hamwe izajya ibisanga. Iyo modoka groupement izajya iyitangaho udufranga duke cyane twa transport.
Izo groupements zose rero nimuzikangure zikorane umurava bitewe nuko nta kibazo cy'amasoko zizongera kugira.

## VI PROGRAMMU Y'AKAZI .

Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura ya Kigali yahawe ipikipiki kugira ngo abe yashobora gukora akazi ke neza, agenderere za komini ku italiki yateguye. Mbere rero ntiyashoboraga gukora programmu irambuye yo kujya mu makomini, ngo yizere ko azayikulikiza. Niyo mpamvu yasabye ba encadreurs bo muli komini kujya bamumenyesha programu zabo za buli kwezi kugirango nawe abashe gukora iye, ntiyatinyuka gufinda ati nzajya muli iliya komini ku italiki iyi n'iyi atazi ko encadreur azaba ali ku biro cyangwa yagiye kureba amashyirahamwe.Kudakora iyo programu rero byerekana ko umuntu aba atitaye ku kazi kandi anashaka no kwica akabandi. Yakomeje asobanura akamaro ka programu y'akazi yongera kwibutsa ko nta nama n'imwe icyo kibazo cyitavugirwamo. Abayirengaho ntibayikore hali ibihano biteganijwe. Ntibihagije kandi gukora programu idakulikizwa, kuko icyo umugabo yiyemeje aragitunganya Gukora programu idakulikizwa birutwa no kutayikora. Yongeye kubihanangiliza bwa nyuma ko programu igomba gukulikizwa igahinduka mu gihe bibaye ngombwa.

Inama yemeje ko programu y'akazi itagomba kurenga italiki ya 3 itaragera mu biro bya encadrement régional. Iyo programu yakerererwa ibihano bigatangwa. Kuko hali abitwaza ko isinyatura ya sous-couvert ya Bourgmestre kuyibona bigoye, Umuyobozi w'inama yababwiye ko ba Bourgmestre bahabwa copie. Abavuga ko bohereza amabaruwa, hamwe n'izo programu aliko ntizigere muli encadrement régional, ni ukubeshya ubwo ni uburyo bwo kwikura mu kimwaro. Kuki ntayandi mabaruwa aza muli courrier communal ngo abure ?

./...

## VII UMUPIRA W'AMAGURU N'IMIKINO NGORORA-MUBILI.

Buli mwaka tugomba gutegura irushanwa ly'amakomini mu mupira w'amaguru no mu mikino ngorora-lubili. Mu mwaka wa 80 ni byiza ko uwo mupira w'amaguru wali warahagaze muli 79 wazakomeza ndetse tugategura na championnat y'athlétisme. Ubwo hali budget igenwa, sport muli za komini nibyiza ko yakoreshwa izo za championnats.

## VIII. IBIBAZO BINYURANYE.

1. Uko raporo zigomba gukorwa birazwi, plan yayo murayifite. Raporo rero zigomba kwoherezwa vuba nk'uko twabivuze kandi zikaza zivuga ukuli.
2. Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura ya Kigali azagenderera amakomini yose. Calendrier y'urwo rugendo muzayimenyeshwa.
3. Gusaba congé : Ni byiza kandi birakwiye kumenyesha igihe mugiye gufata amakonji. Bamwe biyakira konji Bourgmestre batarangije ibyo bagomba gukora. Hali nk'amabarwa aba agomba ibisubizo na za raporo ziba zitarakorwa. Iyo umukozi ashaka konji agomba kubanza gutunganya ibitabo by'akazi (documents officiels). Igihe wifuje konji, jya ubimenyesha hasigaye nibura ukwezi ngo uyifate. Bityo uzaba umfashije gutunganya programmu yanjye.

- Correspondance : Bamwe mwihaye kudasubiza amabaruwa babohereje igihe gitegetswe. Mu nama twagiranye kenshi twiyemeje ko tugomba kujya dusubiza correspondance ziture a hakili kare.

Umuyobozi w'inama ya oneye o kwihanagiliza b'encadreurs bakulikira batarasubiza ibaruwa n° 1334/12.08.01 ya Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino yagombaga igisubizo kihutirwa :

1. Encadreur wa Komini KANZENZE
2. " " RUSHASHI
3. " " BICUMBI
4. " " TARE
5. " " RUBUNGO

Ikindi kandi yongeye kwibutsa ko gusoma inyandiko-mvugo z'inama ali ngombwa kuko bibuka ibyo bagomba gukora n'imigambi inama yiyemeje.

./...

Kubadashaka kubahiliza amabwiliza yababwiye ko nkuko bili mu rwandiko rwe n° 54/14.04/09 rwaje gushyigikirwa n'ibaruwa n° 1867/12.07 ya Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko atazabura kubasabira ibihano biteganijwe na statut igenga abakozi ba leta. Yagize ati : Agapfa kabuliwe n'impongo. Abali mu nama bakomeje kubaza ibyo batasobanukiweho n'ibibabangamiye.

Ikibazo : Abakinnyi iyo bahawe imfashanyo ntibamenya imikoreshereze yayo bagahora batekereza ko bafite amafranga, bayashaka ngo bagabane ntibayabone, ugasanga encadreur aliwe uyabazwa.

Igisubizo : Mu gihe abakinnyi bakinnye ahantu bagahabwa amafranga, bayabagabanya iyo ali ngombwa. Ikindi kandi agomba gushyirwa mu isanduku y'imikino akajya avamo ibyo bakeneye byerekeye équipement yabo. Igihe bakinnye kandi bashobora kubakuliramo make, bakabakorera ka réception. Amafranga 20 cyangwa 50 bashobora guha umuntu nta akamaro yabamalira. Ibyo bibazo byose mugomba kujya mubibasobanulira.

Bamwe nanone baje kubaza ikibazo cya tournée abantu bo muli Mijeunesports bajya bakora muli za Komini basura amashyirahamwe y'urubyiruko. Hali ubwo izo tournées bazikora bo batazizi kandi alibo bagombye kubayobora no kubateguliza abo bazaza gusura.

Inama yifuje ko byaba byiza ko izo tournées bajya bazimenyeshwa mu gihe bibaye ngombwa. Uhagaraliye Ministeri yaje kungamo avuga ko hali ibaruwa ya Bwana Ministri ivuga ko izo ngendo mu makomini zigomba kumenyeshwa abayobozi b'urubyiruko. Yavuze ko niba iyo baruwa itaraza ko ili mu nzira.

- Habajijwe nanone ikibazo cy'imishahara ya b'encadreurs bamwe isumba iy'abandi ibyo bikaba byaratewe nuko abo bandi babanjwe gukoreshwa na Fonction Publique yabasubiza Komini bagasanga bagenzi babo barabataye kubera za cotes. Umuyobozi w'inama yababwiye ko icyo kibazo kizashyikilizwa Prefe akaba aliwe uzagisuzuma.

Nkuko bisanzwe bigenda Umuyobozi w'inama yaje guhitishamo bagenzi be abazabagilira ibiganiro ubutaha ali abo aba :
- Agronome wa Prefegitura
- Inspecteur wa za Koperative
- Directrice ushinzwe Ibigo bitsura amajyambere.

Muli abo bose yabasabye ko bahitamo umu conférencier umwe gusa bitewe nuko iyo ali babili bafata igihe kirekire bityo bigatuma ibyateganijwe k'umurongo w'ibyigwa bitarangira cyangwa se ngo byigwe kuburyo buhagije.

./...

Inama yemeje ko inama y'igihembwe cya mbere izaba mu mpera z'ukwezi kwa gatatu 1980, uzatanga ikiganiro ali Agronome wa Prefegitura.

UMWANZURO : Umuyobozi w'inama yarangije ashimira abatanze ikiganiro bose, ashimira ba Bwana Encadreurs bose ubwitonzi bagize bakulikirana inama. Yongeye kubanyulira muli make ibyali kuli ordre du jour n'ibyemezo byagiye bifatwa kuli buli ngingo. Asaba ko ibyizwe byose bigomba kubagilira akamaro bo nabo bashinzwe kuyobora aho kubisiga aho inama yabereye. Yongeye kandi kubibutsa ko niba inama igomba gutangira ku isaha iyi n'iyi bigomba kubahilizwa kugirango ibigomba kwigwa birangire. Abali muli za congés nabo bagomba kuza mu nama igihe yabaye.

Yarangije abifuliza umwaka mwiza wa 1980 abasaba ko bazawufatamo imigambi ikomeye yo gutunganya akazi bashinzwe.

Inama yarangiye 15H15'

Umuyobozi w'inama

SENKWARE Célestin

Umwanditsi w'inama

BI IREBATE J.Chrysostome

## Ikiganiro ku muryango wa J.O.C.

Mbere yo kugira icyo mbabwira, mbanje gushimira Encadreur wa Prefegitura ya Kigali wangejejeho icyifuzo cyanyu, kuba mwifuza ko mbagilira ikiganiro; byatumye ngira ibyishimo kuko byanyeretse ko mudufitiye ikizere kandi mukaba mushaka ko dufatanya.

Mu kiganiro nabateguliye, halimo ingingo eshatu :

- I. Igisobanuro kirambuye ku muryango wa J.O.C.
- II. Icyo J.O.C. ikulikiranye.
- III. Ubufatanye bwa ba Encadreurs na J.O.C.

### Igisobanuro cyerekeye umuryango wa J.O.C.

J.O.C. ni umuryango wa Agisiyo Gatolika w'Urubyiruko rw'Abakozi washyizweho na Klizia, kandi na Leta y'u Rwarda ikaba iwemera.
Iryo jambo J.O.C. lirahinnye (abréviation) lisobanurwa litya :
Jeunesse ouvrière catholique. Mu kinyarwanda bigasobanura Urubyiruko Gatolika rw'Abakozi.

Urwo rubyiruko rulimo ibiysina byombi : Abasore n'Inkumi bakaba kandi abakozi baba bakorera amafranga, abahinzi, abanyabukolikoli, n'abanyeshuli.

### Inkomoko y'umuryango wa J.O.C.

J.O.C. yatangiliye mu Bubiligi mu mwaka wa 1925 itangirwa na Padri Cardijn Joseph. Aho amaliye gutangira umuryango wa J.O.C. Papa wa XI yamuteye inkunga amumenyesha ko amushyigikiye muli icyo gikorwa.

### Imhamvu yo gutangira umuryango wa J.O.C.

Imhamvu zateye Gardijn gushinga umuryango wa J.O.C. ni ebyili z'ingenzi :

* iya mbere urubyiruko nyamwinshi rwo mu gihugu cy'iwabo rwali abakozi, mu kazi bakoraga wasangaga bafite imibereho idashimishije bali baragizwe nk'ibikoresho Cardijn ashaka uburyo bwafasha urwo rubyiruko kwigobotora muli iyo mibereho mibi rwali rufite.
* Imhamvu ya kabili yamuteye gushinga umuryango wa J.O.C., yashakaga gufasha urubyiruko rw'abakozi kwitagatifuliza mu milimo bakora, bakumva ko bahamagawe n'Immana kuba intumwa muli bagenzi babo, ali abana b'Immana yihitiyemo, bagomba guharanira agaciro kabo. Mu buzima bwe, Cardijn yihatiye guharanira urubyiruko rw'abakozi kurufasha mu kwivana mu ngorane zarwo no kubibutsa ko ali abana b'Immana kandi bafite ubutumwa bwayo.

.../...

Umuryango wa J.O.C. mu Rwanda

Birumvikana ko Cardijn amaze gutangira umuryango wa J.O.C., wakomeje gutera intambwe ndende; kubera ko ibyo bibazo by'abakozi bitali mu bihugu by'i Bulayi gusa, ahubwo byali iby'isi yose ibyo lero byatumye J.O.C. ikwira bidatinze.

Bidatinze J.O.C. yatashye mu Rwanda mu mwaka wa 1958, ihagezwa na Mgr André afashijwe na bamwe mu banyarwanda bali bafite ubutumwa bwo kuyobora uwo muryango no kuwukomeza hano mu Rwanda. Intebe yawo yashyizwe i BUTARE.

Mu mwaka wa 1961 intebe y'umuryango niho yaje i Kigali aho ili muli iki gihe mu mwaka wa 1963 nibwo leta y'u Rwanda yawemeye ku mugaragaro, mw'itegeko teka rya Ministre w'Ubucamanza (J.O. n°9 du 1 mai 1963) Arrêté Ministériel n°65/08 et 66/08 du 12 avril 1963.

## II. Icyo Umuryango ukulikiranye mu Rwanda

J.O.C. yo mu Rwanda ntiyirengagije inzego z'uwahimbye umuryango.
Icyo igamije, ni uguha urubyiruko rw'abakozi uburere, kandi ikabikora itavanguye igitsina ubwoko idini akarere ...
Ubwo burere J.O.C. iha urubyiruko, ni uburere bwuzuye :

Uburere bw'umubili ngombwa

Uburere bwa Roho ngombwa

Twavuga ko J.O.C. ifasha urubyiruko muli izo ngingo zombi navuze haruguru, irutoza iby'Immana imigenzo myiza y'imbonezabupfura, kubakundisha umulimo, kubatoza kubana neza n'abandi kugira urukundo rw'igihugu cyababyaye no kugiharanira ngo kijye mbere .....
Bityo lero J.O.C. igafasha urubyiruko kwigobotora mu ngorane zarwo (ubukene ubujiji .... bakarushaho guhinduka barwanya ibyababuza kujya mbere bibadindiza)

Kugirango byose bigerweho J.O.C. ifite uburyo ikoresha kandi yabuhuye kuwatangiye J.O.C. : KUREBA KWITEGEREZA GUKORA

Iyo J.O.C. ikoresheje ubwo buryo ifasha urubyiruko kumenya ibibazo byarwo, kubishakira umuti harwe, bareba imhamvu zabyo ingaruka zabyo ibibi n'ibyiza, hanyuma bagashakira hamwe igikorwa cyo guhindura ibyo bamaze kubona. Babikora bakulikihe aho bali n'ubushobozi bafite bityo bagategura neza ubuzima bwabo buzaza.

### Inzira J.O.C. ikoresha kugirango ishyikirane n'urubyiruko.

J.O.C. isura makipe y'abajosiste ali mu gihugu hose
Habaho iminsi yo kwiga mu turere, amatorero n'amakipe
Utunyamateka n'amabaruwa. Inama zinyuranye .........

.../...

Ibikorwa bya J.O.C.

Mu byaro : J.O.C. ifasha urubyiruko rwibumbira hamwe mu li za cooperative z'ubuhinzi ubworozi n'ubundi bukolikoli .. irabajijura ibaha uburere bwuzuye ikabafasha gutegura ubuzima bwabo buzaza ibafasha guharanira agaciro kabo.

Mu migi : J.O.C. igerageza kwegeranya urubyiruko ibyo bigaragara mu mugi wa Kigali Butare Nyanza ahongaho yagerageje kwegeranya no gufasha urubyiruko rw'abakozi baciye bugufi (urugero karaningufu ....) Abo bose J.O.C. yihatiye kubegera no kumva ibibazo byabo no kubishakira umuti hamwe nabo. Yabahaye uburere bwuzuye, ibatoza guharanira agaciro kabo yabatoje kwiteganyiliza no kumva ko ali abana b'igihugu nk'abandi bose bagomba kugikorera, kurwanya ububandi ..... na none kandi J.O.C. ifatanyije nabayobozi bo mu makomine y'umugi wa Kigali na Butare bashakiye bene abo bakozi ibyangombwa.

Mu mugi wa Kigali, J.O.C. yashyizeho inzu njijuramuco yo gufasha urubyiruko rw'abakozi. Yashyizeho amacumbi y'urubyiruko rw'abakozi itavanguye itanga inyigisho zinyuranye zo kongera ubumenyi Dactylo Sténo .......

Ingorane za J.O.C.

Mu byaro : Abajosiste ntibabona ababitaho bihagije mu makomini yabo babura aho bakorera ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi.
Ubwumvikane buke buboneka mu makipe amwe n'amwe, ubwibyi n'ubujura.
Amatiku aturuka ku madini (ngo ni ibintu byo kwa Padri .....)
Kubura amasuka, ingorofani, ibikoresho mu minsi yo kwihugura, ibilingiti amasafuliya ibiryo bihagije, amata n'ibindi bikoresho by'ingando.
Aho bashatse kubaka amazu bagira ingorane yo kubona amabati ibiti ....

Mu migi : Ntibabona ababitaho bihagije, kwicwa n'imodoka, kunywa urumogi, kinyunyuzwa imitsi n'ababakoresha ntibabahembe, gufungwa ntibagire gikulikira, gutagaguza amafranga, kubura amacumbi, kubura aho babika ibikoresho byabo, kwamburwa. Indwara ziturukа ku mibereho mibi. Kutagira imisarani aho bakorera, kubura amazi, kubura ibikoresho : ingorofani, indobo, imashini zihaga imipira y'imodoka kubura ibikoresho mu mikino : imyidagaduro y'abanyamupira, imipira yo gutera ....

Mu biro bikuru : ingorane ziboneka cyane ni ukutabona impapuro na wino
kutabona ibikoresho bihagije byerekeye Imikino mu makipe ya J.O.C.
kutagira imodoka yo kudufasha mu milimo y'umuryango
kutatabona amafranga ahagije yo kongera amacumbi y'abakozi
kutabona amafranga yo kugura imashini zandika nziza zikomeye
kutabona ibikoresho bihagije byo guteza atelier y'ubudozi imbere
kutabona ibiryo bihagije byo gukoresha mu minsi yo kwiga y'abajosiste.

.../...

Imimerere ya J.O.C. n'inzego zayo : Habanza Ekipe, akarere, Diosezi, urwego rw'igihugu urwego rw'umugabane wa Afrika, n'urwego Mhuzamahanga.

Abayobozi b'umuryango mu rwego rw'igihugu cyacu : Odeta KAKUZE
Etienne BIZIMANA
Abbé Jean Casas Aumônier.

III. Uko J.O.C. yafatanya n'abashinzwe urubyiruko muli za Commune.

Abashinzwe urubyiruko muli za Komini bakwiye kujya bashyigikira abajosiste bafite muli za Komini zabo, bakababafasha mu myidagaduro mu bikorwa byabo, kubatumira mu nama zireba ibibazo by'urubyiruko mbese bakumva ko nabo babitayeho, ababyifuza bakandikirana n'ibiro bikuru by'umuryango bakatugezaho ibyifuzo byabo.
Muli uko kwegera urubyiruko rw'abajosiste ni ngombwa kubereka ko ubakunda, ushaka kuganira nabo no kubafasha, wilinde kubinjiramo nk'umutegetsi kuko iyo babona uje utyo bumva bakwishisha. Niba umaze gushyikirana nabo; tangilira kubyo usanze bafite mushakire hamwe uko byajya mbere.
Ikintu cya mbere kizabatera inkunga ni ukubasura kenshi no kubafasha mu bibazo byabo mubagira inama, bagahora bazi neza umwanya bafite muli Komine yabo.
Ikindi kingenzi ugomba kwibuka ko urwo rubyiruko ruhujwe na Agisio Gatolika ibyo bizatuma wibuka kububaha ku byerekeye ubukristu kuko alicyo kimenyetso gikomeye kibaranga kandi kibayobora ali nacyo tandukaniro ryabo n'andi mashyirahamwe yose.
J.O.C. ni umuryango w'urubyiruko rw'abakozi kandi bashaka guteza imbere imibereho yabo ya Roho niy'umubili.

Bavandimwe lero mbaye mbashimiye kandi nizeye ko ubufatanye bwanyu natwe buzarushaho gukomera no kujya mbere natwe tuzihatira cyane kubafasha muli uwo mulimo utoroshye wo kuyobora urubyiruko rw'u Rwanda.